**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'AMAJYEPFO**
**AKARERE KA HUYE**
**E-mail : huyedistrict@huye.gov.rw**

**Ref: Public Health Unit**

**ITANGAZO ……………………**

Mu rwego rwo kwegereza abaturage ibikorwa by'ubuvuzi no guteza imbere ubufatanye n'abikorera mu rwego rw'ubuzima « **Public Private Community Partnership** »; Ubuyobozi bw'Akarere ka Huye buramenyesha abantu bose bafite ubushake kandi bujuje ibisabwa mu gucunga amavuriro y'Ibanze « Health Posts » ko bwifuza kubegurira gucunga amavuriro y'ibanze ari muri ako Karere.

**IBISABWA USHAKA GUCUNGA IVURIRO RY'IBANZE**

- Kuba ari Umunyarwanda
- Kuba afite imyaka y'amavuko itarenze mirongo itanu (50)
- Kuba ari Umuforomo mu rwego rwa A2 cyangwa A1
- Kuba afite icyemezo cyo gukora umwuga w'ubuforomo (Licence) gitangwa n'Urugaga rw'Abaforomo n'Ababyaza mu Rwanda;
- Kuba yarakoze nibura imyaka itatu (3) mu mavuriro ya leta cyangwa yigenga
- Kugaragaza ko afite ubushobozi bwo kwigurira ibikoresho n'imiti, kandi yemera gucunga ivuriro ry'ibanze iryo ariryo ryose yahabwa riri mu Karere ka Huye
- Kuba atari umukozi wa Leta

Abifuza gupiganira gucunga amavuriro y'Ibanze kandi bujuje ibisabwa, basabwe kohereza :

- Ifishi isaba akazi ka Leta (Application form)
- Fotokopi y'indangamuntu (ID)
- Icyemezo cyo gukora umwuga w'ubuforomo (license) gitangwa n'Urugaga rw'Abaforomo n'Ababyaza mu Rwanda
- Fotokopi y'impamyabushobozi ya General nursing yo mu rwego rwa A2 cg A1
- Icyemezo cy'aho yakoze (attestation de service rendu)

Ibi bya ngombwa byoherezwa kuri e-mail y'Akarere ka Huye ari yo huyedistrict@huye.gov.rw na kopi kuri khabakurama@huye.gov.rw no kuri nhitiyaremye@huye.gov.rw
Itariki ntarengwa yo gutanga amadosiye ni ku wa gatanu italiki ya 09/04/2021 saa sita z'amanywa (12h00).

**Bikorewe i Huye ku wa 24/03/2021**

Po KANKESHA Annonciata

**SEBUTEGE ANGE**
**Umuyobozi w'Akarere ka Huye**

AKARERE KA HUYE

Scanned with CamScanner